# INTEGUZA

N° 003



## MPA ABANA BAWE MBARERE




COLLECTION

# INTEGUZA

*Truth and Track*

## *MPA ABANA BAWE MBARERE*




*Amagambo yakuwe mu bitabo by'umwuka w 'ubuhanuzi*

Copyright - 2003

Première impression en Kinyarwanda

AMASHAKIRO URUPAPURO

**1. Intangiriro**..........................................4
**1. Umusingi w'uburezi nyakuri**.......................6
- Igihe cyo gutangira kurera..........................7
- Nta ngoma itagira ab' ubu..........................7
- Uburezi nyakuri buba mu muryango... ... ... ... . 9
- Ni ingenzi gufatanya n'Imana mu burezi.........10
- Ababyeyi b'abagore nibo barezi b'ibanze .........12

**3. Kristo umurezi n'Umukiza w'abana**...............14
- Yobora abana kuri Kristo.............................15
- Umurimo wera wa nyina w'abana....................16
- Kurerera Imana..........................................18

**4. Abana n'ishuri**..........................................21
- Turereshe mu ishuri ry'Imana.........................21
- Akamaro k'amashuri y' itorero.......................22
- Amashuri y'itorero mu migi..........................22

**5. Inshingano y'itorero mu burezi**......................23
- Gufasha umurimo...........................................24
- Dufashe misiyoni ariko tutibagiwe urubyaro............24
- Ubwigunge mu myizerere.................................25

**AMASHAKIRO** **URUPAPURO**


**6. Inda mbi**.......................................................27

- Turye kugira ngo tubeho, twe kuberaho kurya.......27
- Igihe cyo kurya......................................29

**7. Abana n'imyambaro**..................................33

- Akaga gaturuka mu gukunda imyambaro...........33
- Imyambarire yica ubuzima ..........................36

**8. Mpa abana bawe mbarere**.............................40

- Satani n'ingabo ze......................................40
- Girira abana igitsure ubatoza kubaha...............41
- kandi ubitangemo urugero...........................41

**9. Biblia n'abana**.........................................43

- Igitabo cya mbere cy'umwana.........................43
- Bibiliya imara ubwoba abana.........................44

**10. Ingororano z'lmana ku barezi nyakuri**...............46

- Ishusho ngero ry'urnunsi w'urubanza...............46
- Imana izabaza buri mubyeyi abana be...............48
- Abatagira icyo bitaho...............................50
- Ingaruka yo kurerera mu kwizera....................52
- Abana bapfuye bazagarurirwa ba nyina..............55
- Gusangira umunezero na Yesu........................56

# 1. INTANGIRIRO

« Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti: «Mwororoke, mugwire mu *isi……».Itangiriro 1:28.*

Iki gihe tugezemo, ni igihe umuntu wese ashakisha ubuzima bwiza. Ibyo kugira ngo bigerweho hagomba imbaraga nyinshi mu gukora no gutekereza. Abantu mu nzego zose z'ubuzima barakora ibishoboka byose ngo babigereho; barakoresha uburyo bushoboka bya kwanga bagakoresha ubudashoboka, ariko umugambi ni ugushaka kubaho neza.

Nubwo isi ifite ibibazo byinshi by'ingutu ariko icy' ingorabahizi cyane ku bategetsi bayo ni ikijyanye no kubonera abayituye ifunguro ry'uyu munsi. Ubwiyongere bw' abatuye isi bwamaze kurenga kure ubushobozi bwa za Leta. Niyo mpamvu hafashwe ingamba zo kugabanya urubyaro. *KURINGANIZA URUBYARO*. Ubu gutwita no kubyara byabaye indwara yivuzwa mu mavuriro akomeye; si muri za Centre de Sante, ahubwo ni muri za Hopital. Gukuramo inda no kuyirinda hakoreshejwe uburyo bugezweho bimaze kuba akamenyero. Isi yose ihangayikishijwe n'urubyaro!

Uburezi buracyakenewe n'ubwo ingorane ku bavuka ari nyinshi. Musomyi nkunda, maze kwitegereza no kugenzura ibibazo binyuranye urubyaro ruhanganye nabyo, nifuje kukugezaho muri iyi ngingo y'iki cyigisho, icyakorwa kugira ngo uburere bw'umwana burusheho kwitabwaho no kubungabungwa, kuko abana dufite ni ubutunzi bukomeye twahawe n'Uwabahanze.

« *Dore abana ni umwandu uturuka k'Uwiteka, imbuto z'inda nizo ngororano atanga, hahirwa ufite ikirimba kibuzuye; abameze batyo ntibazakorwa n'isoni…». Zaburi 127:3-5.*

Satani akajije umurego wo kuyobya intekerezo z'abantu, arifuza ko ababyeyi benshi bazajya mu ijuru bikanga, arifuza ko bazakorwa n'isoni imbere y'Umuremyi wabo, igihe azaba abaza abarezi bose aho abana babo bari. Mbese igihe uzabazwa iki kibazo ngo: " abana naguhaye ngo underere bari he?", uzasubizanya ishema uti: « dore abana wampaye ngaba turi kumwe ndakuzaniye ? » Byibazeho murezi mubyeyi!

Ndangije iyi nteruro nifuriza abarezi bose n'ababyeyi kuzahagararana n'abo bashinzwe kurera imbere y'Imana, bagaragaza ibyishimo bitarondoreka, kubw'umurimo ukomeye bakoreye Imana, nsaba cyane ababyeyi b'abagore kuzirikana inshingano ikomeye cyane bafite yo gutegura abazaragwa agakiza.

*******

**INTEGUZA**
***Truth and Track***
***Kigali - Rwanda***

## 2. UMUSINGI W'UBUREZI NYAKURI

«Nuko uwo mwana arakura agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw'Imana bwari muri we.» *Luka 2:40.* Muri iki gihe cy' imperuka, ababyeyi benshi bahangayikishijwe n'uburere bw' abana babo, baba abanyedini cyangwa abatari bo. lsi iragenda ihindagurika cyane bitewe n'amajyambere yayo. Uburezi bw'abana bubangamiwe cyane n'imihindagurikire y'igihe, n'ibyaduka byinshi bishorewe n'imbaraga ya satani.

Satani arakora uko ashoboye kose ngo akure abana mu biganza bya Yesu Umurezi Mukuru, ngo abashyire mu bigo bye aho arerera. Ababyeyi benshi barihutira kwandikisha abana babo muri ibyo bigo bya satani kandi bakagura imfashanyigisho z' abana babo mu maduka ye. Mbese ibyo umwana wawe arereshwa bimwigisha iki ? Ni ibimuhesha agakiza? Abana barabyiruka batozwa ibyo kuzarwana intambara iheruka y'isi. Bakanangiwe rwose mu maboko ya satani n' abamarayika be. Amayeri menshi ya satani ntamenyekana vuba kugeza igihe abantu bose bazibona mu magereza ye. Imitima myinshi y'abana yarayobye, ibyicana byamaze gusogota imitima-nama yabo, bahinduka ibihurihuri; ntibashobora kuhikura rwose kuko bafatiwe mpiri mu mutego ukomeye w'iby'isi. *2 Yohana 2: 15-17.*

Bitewe nuko ijambo ry'Imana ryerekanywe, ukuri kw' amategeko y'Imana kugasuzugurwa, ababyeyi benshi ntibazi ingorane abana babo barimo, kandi bari mu nzira yo kurimbuka.

## IGIHE CYO GUTANGIRA KURERA

Kutubaha ni ikimenyetso cy' abana bo mu minsi y'imperuka. Kimwe mu bimenyetso byo mu minsi y'imperuka ni ukutumvira kw' abana ku babyeyi babo. Mbese ababyeyi babo bibuka inshingano zabo ? Benshi batakaje gucyaha bahoranye ku bana babo ngo barwanye ikibi muri bo. ***Urwibutso n 'integuza, 19/09/1854.***

Abana ni ubutunzi bukomeye bw'Uwiteka, bakwiriye kwitabwaho nabo, yabashinze kubatoza inzira nziza. Si umugambi w'Imana ko abana baba ibyigenge, indashima, batubaha, baremerera ababyeyi, abatekereza ibibi, abakunda iby' isi badakunda Imana. Kuko Ibyanditswe Byera byari byarahamije ko ibyo ari imico y'abo mu minsi iheruka. ***Ibimenyetso by 'ibihe, 17/09/1894.***

## NTA NGOMA ITAGIRA ABUBU

Ababyeyi benshi baritana bamwana kuri iki kibazo gikomeye cy'uburezi " **ni abana b'ubu** ", Usanga abarezi bombi umugabo n'umugore buri wese agerageza kwiburanira ku bijyanye n'uburezi muri iki gihe. Abagabo benshi bati: abana b'ubu bishwe na ba nyina; naho ba nyina nabo bati: ni abagabo batacyita ku bana babo mu miryango. Mbese ikosa ni irya nde ? Imibereho iruhije y'abana muri iki gihe ko yarenze ubushobozi bw' ababyeyi babo! Urubyaro rwabaye umutwaro ! Rwose ibyo ijambo ry'Imana ryavuze, bimaze gusohorera ku babyeyi benshi! Kuko kubyara byahindutse icyaha, ndetse n'indwara yo kwivuzwa.

Abifite barashakira umuti w'icyo kibazo cy'uburezi mu kureresha abana babo kuva bakiri impinja mu bigo by'abanyabwenge bikorera amafaranga mu cyimbo cyo gutanga umucyo uhagije w'uburezi nyakuri. Bagatorezwamo imico ijyanye n'ibyifuzo by'umushukanyi bitajyanye n'ibyo Imana ishakira abana bayo. Imana yifuje yuko uburere nyakuri bwatangwa n'ababyeyi kuva umwana akiva mu nda ya nyina kugeza amaze imyaka umunani. ***Inama zigirwa itorero, vol. II. P.*** **57.**

**Abahanga mu by'ubumenyi bw'umuntu *(pyschologues),* ndetse n'ijambo ry'Imana, bavuga ko abana baba ibihangange by'ingirakamaro ku isi, ari abana barezwe na ba nyina kuva bakivuka.** Izi ngero zikurikira zirerekana abana barezwe naba nyina kuva bakivuka mu buryo bwari bukomereye ababyeyi mu burere bw'abana babo:

1. **Yosefu**, yarezwe na nyina Rasheli aba Minisitiri w'intebe wa Misiri.
2. **Mose**, yarezwe na nyina Yokebedi aba umuyobozi ukomeye w'Abisirayeri, aba ikirangirire mu isi no mu ijuru.
3. **Yesu**, yarezwe na nyina Mariya niwe mwana wakuze ashimwa n'Imana n'abantu.

Hari n'izindi ngero nyinshi twarondora ziboneka muri Bibiliya zitwereka ko uburezi nyakuri bw'abana bushingiye ku babyeyi babo.

# UBUREZI NYAKURI BUBA MU MURYANGO

Mu rugo niho uburezi bw'umwana butangirira, si mu bigo birera incuke. Aho niho hari ishuri rye ry'ibanze, ababyeyi be bakaba abigisha, aho niho yigira amasomo ye azamurindira ubuzima bwe bwose; amasomo yo kubaha, kumvira no kwitegeka. Uburezi butangirira mu muryango bufite imbaraga zo kurema ibyiza cyangwa ibibi. Igihe umwana atitaweho akivuka ngo arerwe neza n'ababyeyi be bamutoza ibyiza, satani azamufata amwigishe ibye akoresheje inzira ze zo guhitamo. ***Inama ku babyeyi, abigisha n 'abanyeshuri, p. 107.***

Ababyeyi b'abagabo n'abagore nibo bagomba kuba abigisha ba mbere b'abana babo. ***Urwandiko rwa E.G. W.,67, 1903.*** Abagabo n'abagore bakeneye gusobanukirwa n'inshingano yabo, Isi yuzuye imitego y'intambwe z'abana; benshi bafatirwa mpiri mu inarijye no kwinezeza, ntibashobora kuvumbura akaga kihishe mu nzira no gutinya iherezo ryayo nubwo bibwira ko ari iy'umunezero. Kubwo kwifuza kwabo n' irari, bapfusha ubusa imbaraga nyinshi z' imibiri yabo, maze za miliyoni nyinshi z'abana zikazimirira mu bibi. ***Umurimo w'ubuvuzi, p. 371.***

Babyeyi, mwibuke ko ingo zanyu arizo kigo cy'shuri abana banyu batorezwamo kwitegura kuzagera iwabo mu ijuru; kubyirengangiza ntibabitozwe mu bwana bwabo, bizabatera ingorane mu myiteguro yabo. Ntimwemerere ijambo ryose ry' ubupfu kuvogera abana bawe. Igisha abana bawe kuba imfura, ubumuntu bubuzure, bagire kwiyubaha no kubaha

abandi. Bigishe kuzirikana abandi. Nubigenza utyo uzaba ubateguriye kuba abakozi b'Imana b'ikirenga. ***Inyandiko za E.G. W., 102/1903***.

## IMANA IKENEYE KUJIJUKA KW'ABANA KANDI NIWO MUGAMBI WAYO

Ni umugambi w'Imana ko abana bategurwa hakiri kare mu kugaragaza imbaraga y'ubukristo, niyo nshingano ikomeye iri mu biganza by'ababyeyi babo. Kugira ngo nibasohoka bakajya hanze bazagaragaze ibyiza atari ibibi. ***Ibimenyetso by'ibihe, 25/09/1901.*** Birababaje ko muri benshi biyita abayoboke ba Kristo batacyitaye ku nshingano y'uburezi mu ngo zabo. Ntibabona kwera kw'ingenzi ko guhamya Imana yabashyize mu biganza, kugira ngo babumbe imico y'abana babo igire ireme mu gihe igeze mu bigeragezo bya gisore. ***Ikinyamakuru cy'ubuzima, 04/1890***.

## NI INGENZI GUFATANYA N'IMANA MU BUREZI

Ababyeyi benshi batekereza ko gukoresha arnafaranga menshi bashakira abana babo amashuri mu bigo bikomeye bigezweho, bifite ibikoresho bya kijyambere, aribwo abana babo bazategurwa neza bakahasohokana uburere bwiza. Nyamara uburere butarimo Imana nta burere burimo. Yesu ntiyigeze asaba Se gukura abigishwa be mu isi, ahubwo yabasabiye kurindwa umubi bakiri mu isi, yabasabiye kunesha buri kigeregezo cyose kizabaganaho. Iryo sengesho niryo buri ba se na ba nyina b' abana bakwiriye gusabira abana babo Kandi bakabingingira Imana kugira ngo n'abana nabo babe

batyo. Nyamara Imana ntizabikorera abana, niba ababyeyi babo bakora bonyine iyi nshingano. ***Urwibutso n 'integuza, 09/07/1901.***

Imana yagiye ikurikiranira hafi uburere bw'abana mu miryango. Malayika wo mu ijuru yoherejwe kwa Zakariya kumwigisha uko azarera umwana azabyara, yabwiye Elizabeti uko azagaburira umwana azabyara kandi ko azamurera uhereye avutse kugira ngo azabone uko akorera Imana umurimo ukomeye wo guteguriza Yesu. Imana yita ku bana batojwe neza n'ababyeyi babo ikabatorera kuba abakozi bayo b'ibihangange. Yohana yari umwana wo mu zabukuru, umwana w'ibitangaza, ababyeyi be bagombaga kumenya ko nawe azakora ibitangaza mu murimo yari yagenewe n'Imana, *Byatumye ndetse ababyeyi be bimuka bajya gutura mu karere gakwiranye n 'uburere bw 'umwana bwazatuma agira imico ibonereye Imana.* Bakoze inshingano yabo mu gice cyabo cy'uburezi, n'Imana ikora uruhare rwayo. ***Ibimenyetso by 'ibihe, 16/04/1896.***

Ababyeyi bakwiriye gushyira imbere yabo abana babo nkabo baragijwe n'Imana. Babarerere kuba umuryango w'ab'ijuru, babatoreza mu gutinya no kubaha Imana; kuko kubaha Imana ariryo shingiro ryo kujijuka. Abazayobora abana babo baberekeza ku Mana, bazatinyuka no kubereka nyirabo, ariyo Mana barerera. ***Urwandiko rwa E.G. W, 103, 1902.***

## ABABYEYI B'ABAGORE NIBO BAREZI B'IBANZE

Ababyeyi b' abagore bakwiriye guhagarara bashikamye nk'abarezi b'ibanze b'abana babo. *Ibibero by 'umubyeyi niyo ntebe y 'umwana, naho ikibaho yandikaho ni mu maso ye.* Ababyeyi uko barushaho kwirengagiza abana babo cyane cyane mu myaka yabo ya mbere, bababuza kunezerwa no gukorana nabo, bigatuma badakurana ibitekerezo bya kigabo. ***Ikinyamakuru cy 'ubuzima, E.G. W, 01/1890.***

## NI INGENZI MU BUREZI GUFATIRANA UBURERE BW'ABANA BAKIRI BATO

Umurimo w'uburezi no gutozwa, bikorwe hakiri kare mu bana. Bikwiriye gutangirira mu buhinja, kuko intekerezo aribwo ziba zoroshye kandi zishobora kuremwamo imico ku buryo bworoshye, isomo ritanzwe rihora ryibukwa n'ubwenge. ***Urwandiko rwa mhere rwa E.G.W, 1877.***

Abana bakwiriye kurerwa batozwa iby'umwuka mu ishuri ry' imuhira. Gutoza abana kuririmba, gusenga, gufata amasomo mu mutwe, n'ibindi..., Ibyo bikwiye kwigishwa cyane guhera mu bwana kugeza babyirutse. Mu gihe bageze mu yandi mashuri, abarimu bazabasangana ubuhanga n'ubwenge budasanzwe. Ba nyina, cyane cyane nk'abarezi bakuru b' imitima b 'imuhira bagomba kwimenyereza kwiga agaciro k'ubuzima bw'abana, ***Ikinyamakuru cy'ubuzima 05/1850.***

Umurimo wari ukwiye gushishikarirwa n'ababyeyi, Warirengagijwe, mukanguke babyeyi mukanguke mu bitotsi bw'iby'umwuka maze musobanukirwe ko uburezi bwa mbere umwana ahabwa ari mwe bureba. Mugomba kwigisha incuke zanyu kubaha no kumenya Yesu. Uyu murimo mugomba kuwukora mbere yuko satani abiba imbuto ze mu mitima yabo. Kristo ahora ahamagara abana, nimwe mugomba kubayobora kuri we, bakigishirizwa mu ngeso nziza kwifata neza na gahunda. Iyo ni yo mico Kristo yifuza ko bagira. ***Urwandiko rwa E.G.W 38/1881.***

Abana bakwiriye kwigishwa hakiri kare, hakoreshejwe amasomo yoroshye mu by'umubiri no mu by'imibereho myiza. Uyu murimo ukwiye gutangirwa hakiri kare na ba nyina mu ishuri ry'imuhira kugira ngo uzakomereze mu buryo bwiza mu mashuri yo hanze. Uko aba bana bakura mu gihagararo, uwo murongo ntukwiye gutakobwa kugeza ubwo abana bazaba bashobora kwita no gutunganya aho baba ubwabo. Bakwiye gusobanukirwa ibyiza byose byo kwirinda indwara no kurinda bikomeye ingingo z'imibiri yabo kandi bakwiriye kwigishwa uko bakwifata ku ndwara ziboneka kenshi n'impanuka zibaho. ***Uburezi,p.198.***

Mwigishe abana banyu gutekereza impamvu n'insiriri n'ingaruka; bigishe ko nibica amategeko y'ubuzima ( ikiremwa muntu ) bazishyura igihano n'umubabaro ( uburibwe ,). Nibitaguhira nk'uko wabyifuzaga ntucike intege, ahubwo ukomeze ubigishe wihanganye, kandi ubishyiremo umurego kugeza ubigizemo intsinzi. ***Inama ku babyeyi, 'abigisha n 'abagishwa, p. 126.***

*****

## 3. KRISTO UMUREZI MUKURU N'UMUKIZA W'ABANA.

« Bamuzanira abana bato ngo abakoreho : abigishwa barabacyaha, ariko Yesu abibonye, ararakara, arababwira ati: "mureke abana bato bansange ntimubabuze; kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Ndababwira ukuri yuko utemera ubwami bw'Imana nk'umwana muto atazabwinjiramo na hato." Arabakikira, abaha umugisha abarambitseho ibiganza.» *Mariko 10: 16.*

Umukiza wacu Yesu Kristo yakundaga abana bato akiri mu isi, yabanaga nabo kandi akabarera. Ntiyigeze yinubira abana, yarabakundaga kandi akabaha umugisha, yakemuye ibibazo byinshi n'ingorane bahuraga nazo, akabakiza indwara n'urupfu. Mu murimo we hano ku isi, Yesu yaranzwe n'imico yo gufasha abanyantege nke kandi abana bari muri bo.

Mu birorero n'imidugudu Yesu yagendeyemo, yarangwaga n' urugwiro ku bantu bose ndetse n' abana ntiyabirengagizaga. Yari azi neza ko umugambi wa Se wari uw'uko abana bose b'isi bamumenya, bakamenya n'uwo yatumye ariwe Yesu Kristo. Abana nabo bakwiye kwigishwa urwo rukundo rw'Imana, rukaba isomo ryabo ry'ingenzi. Nkuko Yesu yabigenje amenyekanisha Se, niko n'ababyeyi bakwiye gutoza abana babo urukundo rw'Imana kugira ngo bagirane ubumwe nayo. ***Urwibutso n 'integuza, 06/06/1899.***

## KUYOBORA ABANA KURI KRISTO

Mu bwana, intekerezo ziba ziteguye kwakira no kubakwamo imigambi. Niyo mpamvu abahungu n' abakobwa bakwiye kwigishwa gukunda no kubaha Imana. Imana ishaka ko buri mwana wese waremwe aba uwayo kandi akemerwa mu muryango wayo, Bakwiye kugira imitima yuzuye ishimwe no gukunda Kristo. Yiteguye kubagira intumwa nto. Imibereho n'intekerezo bizahinduka ku buryo nta cyaha kizabaho. ***Inama. ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri p. 169.***

Ababyeyi bakwiye gusobanukirwa ko bafite inshingano ikomeye yo gutoza urubyaro rwabo, kugira ngo ruzahagarare mu rubanza imbere y'Imana. Igihe bigisha abana babo, bajye batekereza ko babashyizwe mu biganza na Yesu , ababwira ati: ngaba abana mbahaye ngo munderere, mbahaye abana munderera, kugira ngo bazarabagirane mu rukiko rw'Imana, Intekerezo zabo zihamye ko ; zuzuwemo n'ibitekerezo by'Umukiza wabo n'imibereho ye. ***Urwibutso n 'integuza, 09/02/1895.***

## KURERA BISABA IGIHE

Ba nyina b'abana nibo bashinzwe uburere bw'ibanze bw'abana babo, si ba se. Babyeyi mutoze abana banyu bakiri bato ikinyabupfura, imyaka itatu ibanza ni igihe umwana akwiye kwitabwaho cyane mu burezi. Ntimubemerere gukuza imibereho yabo yo kwifuza n'ubushake. Ba nyina bakwiriye

kuba intekerezo z'abana babo. Imyaka itatu ibanza ni igihe abana bagoramiramo, ba nyina b'abana basobanukirwe uko bakwiriye kubyifatamo ku bw'icyo gihe cy'ubuhinja. Aho niho umusingi uri.

Niba aya masomo abanza agize ingaruka nziza ku mwana, icyo gihe ihinduka icyifuzo cya Yesu. Ibyiza by'ahazaza h'abana bawe bishingiye k'uko uzakosora amakosa yose ababonekamo, n'ayo mwakoze namwe. Mwitegereza ko abana bashyitsa imyaka itatu ngo ubone utangire iyi nshingano yo kubaha no kumvira no kwitegeka, kuko uzaba waratinze rwose. Bitangire hakiri kare, ubu. Kuko nutinda, bizageza igihe bigukomerera kubikora. ***Urwandiko rwa E.G. W, 64, 1899.***

Benshi birengagiza inshingano zabo muri iki gihe kibanza cy'uburezi bati: tuzaba tubikora haracyari kare; tuzakosora amakosa yose abana bacu barimo bakuze baracyari bato. Dukwiye guhora twiteguye gukosora ikosa ryose abana bacu bakora tubatoza inzira nziza. Babyeyi mwite ku bana banyu igihe bakiri mu biganza byanyu. Si byiza ko ababyeyi bahutaza abana no kubatoza amagambo mabi igihe bakiri ku bibero byabo, si byiza kubatuka. Kwitwararika no gushikama mu migambi myiza bizagira ingaruka nziza mu burezi. ***Ibihamya, vol. 4. P. 313.***

## UMURIMO WERA WA BA NYINA B' ABANA

Bashiki banjye, Kristo yabashinze umurimo wera wo kwigisha abana banyu amategeko ye. Kugira ngo babe

bashyitse mu murimo, namwe mukwiye kuba abubaha, abumvira amahame yayo yose. Fata abana ubatunganye muri buri jambo ryose uvuga n'ibikorwa byose. Rinda cyane ibyo uvuga, rwanya rwose igikabwe muri wowe, kuko kenshi kutihangana gukunda kubaganza. Ibyo bizarinda urugo rwawe guhoramo kutumvikana n'umunezero muke kuri wowe no ku bana bawe. ***Urwandiko rwa E.G. W,rwa 47,09/1902.***

Nyina w'umwana yumve ko akeneye ubufasha bw'imbaraga y'Umwuka Wera kugira ngo we ubwe agire ubunararibonye bwo kuba mu nzira no mu bushake bw'Umwami we. Bityo mu buntu bwa Kristo abe umunyabwenge, uwiyoroshya, kandi umwigisha w'urukundo w' abo yabyaye. ***Urwibutso n 'integuza, 10/06/1898***

Uyu niwo munsi wawe wo guhamya, umunsi w'inshingano ikomeye n'amahirwe; bidatinze hagiye kubaho Umunsi wo kugenzurwa. Ita ku nshingano yawe, wifashishe amasengesho yo kwizera. Igishe abana bawe ko ari amahirwe yabo yo kwakira buri munsi umubatizo w'Umwuka Wera. Reka Kristo akubonemo umufasha wo kugaragaza imigambi ye. Kubw'isengesho, ushobora kunguka ubuhanga butuma inshingano ku bana igira umusaruro ushimishije. ***Inama ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri, p. 131.***

Ababyeyi benshi ntibarahagurukira kumva no gusobanukirwa n'ibyiza by'imbaraga z'umuco wa gikristo, hari ibinombe byinshi by'amabuye y'agaciro bikwiriye gucukurwa kuko byirengagijwe. Kutagira icyo witaho n'ubunenganenzi Imana ntibyishimira. Babyeyi, Imana irabahamagarira kwita ku

mico y'abana banyu, muyiremamo ubukristo kandi muyirebesha amaso yejejwe. Nimwite ku murimo wakerenshejwe kandi ugasuzugurwa, Imana yiteguye gukorana namwe muri uwo murimo w'ingenzi. Nimuwukorane umutima wanyu wose Imana izabafasha kuwugeraho. Hera ku kuzana iby'Umwuka mu rugo rwawe. ***Ibimenyetso by'ibihe 03/04/1901.***

Ni inshingano ya ba nyina b'abana gutegura intekerezo no kurinda imitirna y'abana ngo ibe iyera. Bakwiriye gukoresha uburyo bwiza butakoreshejwe bw'ubwenge bwabo n' intekerezo nziza kugira ngo bageze intekerezo z' abana babo ku rugero rushyitse. ***Ibihamya, vol.P. 147.***

## KURERERA IMANA

Abana banyu ni umutungo w' Imana yaguze igiciro gikomeye; barebe wirore, babyeyi mugomba kubitaho gikristo. ***Urwandiko rwa E.G. W, 126, 1897.***

Umwana w'imfura akwiye kwitabwaho mu burezi, akwiye gutozwa yitaweho, kuko ariwe uhinduka umwigisha wa barumuna be. Abana bakura bigana ibyo babona bibakikije; nibitabwaho n'ababatoje b'urusaku n'imivurungano nabo bazaba abanyarusaku n 'imivurungano ku buryo butakwihanganirwa. ***Urwandiko rwa E.G. W, 64, 1899.***

## IBYO BA NYINA B'ABANA BAKWIYE KWITAHO:

**1. Ha abana urugero rwo kubaha mu buryo bukomeye.** Umurimo udasanzwe w'ababyeyi kandi w'ingenzi ni ukumvikanisha amategeko y'Imana mu bo babyaye mu kubageza ku rugero rwo kubaha no kumvira, kugira ngo bibateremo kumenya ibyiza byo kubaha Imana mu mibereho yabo ya buri munsi. Uwo wari umurimo wa Mose, yizerwaga n' ababyeyi be ku nshingano ye yo kubera abandi urugero rwiza mu kumvira. Uko niko bikwiriye kugenda mu ngo z'iki gihe. Dukwiriye gushyigikira ubutumwa bwa Malayika wa gatatu. Ubujiji ntibuzaba urwitwazo igihe ababyeyi birengagije kwigisha abana babo, igihe batabasobanurira icyo kwica amategeko y'Imana ari cyo. Umucyo uriho urahagije ntihakenewe gukomeza kugendera mu mwijima. Nta wakomeza kuba mu rujijo Imana ariyo Mwigisha wacu Mukuru muri iki gihe nkuko yari Umwigisha mu gihe cy'abana b'ab'Isirayeri. lbyo ibidutegekesha itegeko ryayo ryera ngo twubahe amategeko yayo. ***Urwandiko rwa E.G. W. rwa 90, 1898.***

**2. Musenge muharanira agakiza k'abana banyu.** Mwigishe abana banyu ko imitirna ikwiriye gutozwa kwitegeka no kwiyanga. Ibikangura umutima byose bibe bikwiranye n' ibyo amategeko y' Imana ashaka. Ntuzigere na rimwe unezezwa no gukura k'umwana wawe igihe akurira kure ya Yesu. Ntuzigere na rimwe wifata mu buryo bworoshye, mu ntege nke z'umwana mu by'umwuka, Takira Imana- utabaze amanywa n' ijoro, senga kandi uharanire agakiza imitima y'abana bawe. Kubaha Imana niyo ntangiriro y'ubwenge "niyo

soko nyakuri n'uruziga rw'imico". Nta gutinya Imana, bazatsindwa, ntibazagera ku ntego ikomeye Imana yabaremeye. ***Urwibutso n'nteguza, 23/04/1889.***

**3. lgihe unaniwe kugera ku nshingano nk'umurezi.** lgihe utsindwa kenshi ku nshingano yawe y'uburezi bw'umuryango wawe, icuze ibyaha byawe imbere y'Imana. Teranya umuryango wawe iruhande rwawe maze uwubwire ibyo wirengagije gukora. Babwire ko ukeneye kubaha ubugorozi buturutse ku Mana. Basabe kubigufashamo kugira ngo umuryango wawe ube nk'uko Imana ibishaka. Soma amabwiriza y'ubuyozi aboneka mu Byanditswe Byera. Sengana nabo, saba Imana gusangira ubuzima nabo no kubafasha gutegura iwabo ho mu ngoma y'Imana. Muri ubu buryo, tangira inzira y'ubugorozi maze hanyuma ukomeze kwita ku nzira y'Umukiza.

**4. Kora nk'umwubatsi ,w'imico**. Ababyeyi b'abadventiste bakwiye kumenya cyane inshingano yabo nk'abubatsi b'imico. Imana yashyize imbere yabo amahirwe adasanzwe yo gutera imbaraga umurimo wayo mu kweza no gutunganya imico y'abana babo. Yifuza kubona abana mu ngo zabo bateraniye hamwe kubwo kuramya Imana no kugira imico yayo,bakirundurira n'umutima wabo wose mu murimo we. kubwo kuyoborwa no gutozwa kuramya Imana mu gitondo na nimugoroba, no gushikama mu cyitegererezo cyiza cyo gukunda no kubaha Imana bigishwe kwishyira Imana nk'umwigisha, bategurirwa kumwubaha no kumwemera nk'abahungu n'abakobwa bakwiriye kuba ibikomangoma mu murimo wayo. Abo bana bateguriwe kugaragariza isi imbaraga

n'ubuntu bwa Kristo. ***Inama ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri, p. 131.***

*********

## 4. ABANA N'ISHURI

Ku isi hari amashuri y'abarezi babiri batandukanye irya mbere ni iryo Imana yagize umuyoboro w'umucyo wayo; irya kabiri ni iryo satani yagize igikoresho cye bigiramo iby'ubukerebutsi bwo gukora ibibi. Ishuri rimwe ryitegereza imico y'Imana, rigakuza imico ya Yesu, uwo Imana yohereje mu isi. lri shuri ni ikigega dukuramo ibintu by'ingenzi bikomoka mu ijuru, ubumenyi bw'ijuru, ari ko gushyirwa hejuru kw'intekerezo; Irindi shuri ni ikigo cy'umutware w'umwijima, uri ku rugamba rwo kugera ku mahirwe yo kwigisha abandi ubumenyi bw'ikibi. ***Amahame y'uburezi bwa gikristo, p.174.***

## TURERESHE MU ISHURI RY'IMANA

Toranya ishuri, aho Imana ari urufatiro rw'uburezi. Mu mugambi w'uburezi bw'abana hanze y'umuryango, si byiza ko ababyeyi bohereza abana babo mu mashuri ya Leta. Bakwiriye kubahitiramo amashuri aho bazaronkera uburere bushingiye ku

rufatiro rw'ijambo ry'Imana. Buri mukristo akwiriye guhorana inkeke yo kuyobora abana be aho bazungukira ubwenge bwubaha Imana, kugira ngo babe abafite kamere y'ijuru, banyuze mu kumvira Imana n'ubushake bw'inzira zayo. ***Inama ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri, p. 205.***

## AKAMARO K'AMASHURI Y'ITORERO

Amashuri mu matorero yacu arakenewe cyane ndetse n' abigisha b'ababwirizabutumwa. Ni ingenzi cyane ko abo bigishwa bahugurirwa umurimo w'ingenzi wo kwigisha abana ibyabubahasabato, atari mu bumenyi bw'isi gusa ahubwo no mu Byanditswe Byera. Amashuri akwiye kuba hose kandi akayoborwa n'abagabo n'abagore b'abubahamana nk'uko bisabwa n'iyo mpamvu. Bakwiye kubakwa ku mahame y'amashuri y'abana b'abahanuzi. ***Inama ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri, p. 168.***

## AMASHURI Y'ITORERO MU MIGI

Ni iby'ingenzi cyane ko amatorero akwiye gushyira amashuri aho abana bakoherezwa kandi bagakomeza kuba mu burinzi bw'ababyeyi, bakagira amahirwe yo gukomeza gufashishwa iby'iyobokamana bari barigiye mu ngo z'ababyeyi babo… Benshi bashobora kubikora kubw'ineza y'umwana cyane cyane abadashobora kujya kure y'umujyi. Iki ni ikintu dukwiye gushyiraho umurego. Amatorero akwiriye gushyiraho amashuri mu mijyi kugira ngo abana babo bafashwe. Ayo mashuri akwiye gutanga inyigisho z'ikirenga ku bumenyi

bw'abana bahamagariwe kuyigamo. ***Urwibutso n 'integuza, 17/12/1903.***

*******

## 5. INSHINGANO Y'ITORERO MU BUREZI

Uwiteka akoresha ishuri ry'itorero nk'umufasha ku babyeyi mu kwigisha no gutegurira abana babo igihe kizaza. Nimureke itorero ryite ku murimo w' ishuri mu kuriteza imbere no kurigira icyo Uwiteka aryifuriza kuba. ***Inama ku babyeyi, abigisha n 'abanyeshuri, p. 16.***

Imana yatoranije itorero kuba nk'umurinzi ugira igitsure ryita ku rubyaro n' abana, ni umurinzi ureba ibitero by'umwanzi agatanga umuburo w'akaga gateye. Ariko itorero ntirirabigeraho, ahubwo risinziriye ku burinzi. Muri iki gihe kirimbura, ababyeyi bakwiriye gukanguka bagakorera ubugingo bw' abana babo. Nibitaba bityo, abana bazazimira by'iteka. ***Idem, p. 165.***

Itorero rifite umurimo udasanzwe rigomba gukora mu kwigisha no gutoza abana baryo ibyo badakwiye gukora n'ibyo

gukora igihe bari ku ishuri cyangwa bari mu yandi mashyirahamwe, aho bahurira n'imico ibayobya. Isi yuzuye ibicumuro no kutita kubyo Imana ishaka.

Mu matorero y' Abaprotesitanti bemeye gukurwaho ku isabato, bahinduka abana b'Ubupapa nabo bamushyira hejuru y'ibyera by'Imana n'umunsi yahiriye. Ni umurimo wacu gusobanurira ibyo abana bacu, ko umunsi wa rnbere w'icyumweru atari isabato y'ukuri kandi ko ihabanye rwose n'itegeko ry'Imana, ***Ibihamya by'itorero, vo/.6 p.193.***

## GUF ASHA UMURIMO

Hakwiye kubaho uburyo bwo gushaka amafaranga menshi yo kubaka ibigo by' amashuri bikomeye byigisha ubumenyi bwisumbuye, dukeneye abantu batojwe neza, bigishijwe neza, bakora uyu murimo kubw'inyungu z'itorero. Bazerekana ukuri ko abana bacu badakwiriye kujya mu bigo bitegekwa n' abandi, ko abana bacu bakwiriye guhurizwa hamwe mu mashuri aho gutorezwa iby'idini bitazasuzugurwa. ***Inama ku babyeyi , abigisha n 'abanyeshuri, p.44,45.***

## DUFASHE MISIYONI ARIKO TUTIBAGIWE URUBYARO

Mbese birakwiye ko abagize itorero batanga utwabo mu kumenyekanisha Kristo mu bandi, bakarekera abana babo bajyanwa mu murimo wo gukorera satani ? Nubwo tugomba gushyira imbaraga mu murimo wo kugarura benshi kuri Yesu

mu batuzengurutse, ibyo twatanga kuri uwo murimo ntibyatuma twirengagiza uburezi bw' abana bacu n'urubyiruko. Bagomba gutozwa kuba abakozi b'Imana. Bombi, ababyeyi n'abarezi, kubw'ukuri n'ibyitegererezo byiza, nabo bakwiye kwerekana ukuri n'ubugwaneza mu bitekerezo by'imitima y'abana babo, kugira ngo nabo bazabe abagabo n'abagore buzuye ukuri nk'uko Imana ibibifuriza. ***Inama ku babyeyi, abigisha n 'abanyeshuri, p. 165.***

Amasengesho agira umumaro mwinshi, mu bibazo; senga wizeye; Imana izagukingurira urugi ! Benshi bajya bibaza ngo ayo mashuri yagerwaho ate ? Ko tutari abakire ? Ariko iyo dusenganye kwizera, tukareka Imana igakorera mu ruhande rwacu, izagaragaza inzira imbere yacu maze dushobore kwiyubakira amashuri mato yo kurereramo abana bacu atari mu by'iyobokamana gusa ahubwo no mu zindi nzira z'ubuzima. ***Inama ku babyeyi, abigisha n 'abanyeshuri, p. 204.***

## UBWIGUNGE MU MYIZERERE

Imiryango imwe y' abubaha sabato ituye yonyine, cyangwa kure y'abandi bizera kimwe, rimwe ijya igerageza kohereza abana babo mu mashuri yabo ari kure cyane, aho bashobora kubona ubufasha mu by'iyobokamana, kugira ngo bazababere umugisha, ariko abanda bo ntibabishobora. Kubw'iyo mpamvu, ababyeyi ntibakwiye gucika intege , ahubwo bakwiye gushaka umwigisha w'idini wabafasha gutoza abana babo umurimo w'Umwami, kandi nawe akaba agize uruhare mu gukora umurimo mu ruzabibu rwa Shebuja. Ababyeyi b'abagabo n'abagore bakwiye gushyira hamwe. Ni

umugisha, kugira ngo batunganye kandi bateze imbere umurimo wo guhindura abana babo. ***Ibihamya ku bagabura vol 6, p.18 8,189.***

Igihe nerekwaga na Malayika w'Imana ko ibigo by' amashuri bikwiye gushyirwaho kubwo kwigisha abana bacu, nabonye ko ari ikintu kimwe cy'ingenzi cy'uburyo Imana yakoresheje mu gukiza imitima myinshi. Niba uburere bw'imico mu bigo byacu byisumbuye, bihuje nuko Imana ibyifuza, abana babyigishirizwamo bazashobora guhesha Imana icyubahiro mu murimo wayo wose, kandi bakangurire Imana ubwenge yabahaye, bazaba biteguriye kuyikorera uko bikwiriye. ***Ibihamya by 'itorero, vol. 4 p. 419-422.***

Urubyiruko rukwiriye gukundishwa amashuri yacu uko agenda arushaho gushushanya ay'abana b'abahanuzi, kuko ayo mashuri yahanzwe n'Uwiteka. ***Amahame y'uburezi bwa gikristo, p. 489.***

*******

# 6. INDA MBI

## TURYE KUGIRA NGO TUBEHO, TWE KUBERAHO KURYA .

Umubiri wacu uremwe n'ibyo turya. Iyo hagize icyangirika mu ngingo z'umubiri gisanwa n'ibyo turiye. Buri rugingo rwose rw'umubiri rugira umugabane warwo ku igaburo rya buri munsi. Ubwonko bukwiriye kugenerwa igeno ryabwo, amagufwa, imihore, n'imyakura bisaba nabyo umugabane wabyo w' igaburo. Ni uburyo butangaje uko ibyo turya bihindurirwa mu maraso bikubaka imigabane itandukanye y'umubiri. ***Umurimo w'ubuvuzi, p. 295.***

Ni byiza gutoza abana iby'indyo ishyitse. Abana bato bakeneye kwigishwa ko barya kugira ngo babeho, atari ukuberaho kurya. Ako kamenyero bagatozwe bakiri bato, mu gihe bakiri mu biganza by'ababyeyi babo. Umwana akwiye kugaburirwa mu gihe gitandukanye, ntakwiye guhabwa ibyo kurya by'amasukari: Bombo, shikereti n'ibindi .... Ntakwiriye kurya ibyo kurya by' abantu bakuru igihe akiri muto kuko bidakwiriye ku gifu cye. Ita ku igereranya ry'ukuntu ugaburira umwana nibyo bizatuma agira ubuzima bwiza, kandi si icyo gusa ahubwo bitera gutuza no kugubwa neza; bigateza imbere urufatiro rw'imico myiza izababera umugisha mu gihe kizaza. ***Umurimo w'ubuvuzi, p.295.***

Ababyeyi ( nyina ) bamenyereza kwifuza kw' abana babo, iby'ubuzima buhenze mu mirire baba babiba imbuto

izera ikibi mu mirire. Iyo nda mbi ikurana n'abana, maze ubwenge n'imbaraga z'umubiri bikahazaharira. Ababyeyi bakora ibyo bazasarura imbuto z' umubabaro ku byo babibye. Bazabona ingaruka zo kudashyika kw' abana babo mu mitekerereze no mu muco, no mu gukora iby'ingenzi byose mu muryango no muri sosiyete. Iby'umwuka n'iby'ubwenge n'imbaraga z'umubiri zigira ingorane ziterwa no kutirinda mu mirire. Umutimanama urajijishwa maze guhitamo icyiza bikivanga ntibisobanuke. ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p.230.***

Hitamo ibyo kurya byiza, Kugira ngo umenye ibyo kurya byiza kandi by'ingenzi, dukwiriye kwiga gahunda Imana yashyiriyeho umuntu mu gihe yamuremaga. Uwo waremye kandi agasobanurira umuntu, azi igikwiriye kuba igaburo rye; niwe wageneye Adamu ibyo kurya by'impeke n'imbuto. Ibinyampeke n 'imboga nibyo byo kurya Umuremyi wacu yaduhitiyemo kuba ibyo kurya bidutunga. ***Umurimo w 'ubuvuzi, p. 295,296.***

## IGISHA ABANA, IGIHE, UBURYO, N'ICYO KURYA.

Abana benshi muri rusange ntibigishwa ibyiza byo kumenya, igihe, uburyo, n' icyo bakwiriye kurya. Bemererwa kudategeka ipfa ryabo; babaho baryagagura. Kubafasha kugera ku byo bifuza by'irari ry'amaso yabo, bakabatoza kurya ibyo babonye byose n'aho babiboneye hose, bakagenda batoragura twa Bombo, Biscuits, ibyo byose by' ibinyasukari hato na hato, ibinyamavuta n 'ibinyamafufu. Ibyo byose bitera umururumba w'inda mbi kandi bikarushya igogorwa ryabyo.

Urwungano ngogozi, nk' imashini ihora ikora, irananirwa igacika intege, imbaraga z'umubiri zituruka mu bwonko mu gufasha igifu umurimo wacyo, maze bigatuma imbaraga z'ubwenge zigabanuka. Iyo mbaraga itera ubunyamaswa, umwana agahinduka ku mutima no ku mubiri, ugasanga buri gihe arakara nta mpamvu, kwihangana bigashira akananirwa. Ibyo bibatera kumva badashaka kuba aho batareba ababyeyi babo. Bene abo bana bagira intege nke mu by' umwuka, ibyaha bikabanesha, ntibagire intege zo kubyigobotora bitewe nuko imirire yabo yagoretswe bakiri bato.

Ababyeyi benshi bagaburira abana babo muri ubwo buryo, bakirengagiza ko kwita ku nshingano yo kugaburira abana neza, igihe bagenza batyo, ababyeyi bajye bishyiraho ayo makosa kuko baba babaye nyirabayazana bituma abana babo baba imbata z'ibyaha. Ntibigeze bashyiraho umwete wo gukora ibikwiriye mu gutunganya ipfa ry'abana babo. Bateye imbaraga yo kwifuza kwabo mu mibereho yabo. Ababyeyi bategura amafunguro bakoresheja amaboko yabo bakayashyira mu biganza by'abana babo bamenye neza ko ari byo bikoresha umubiri n'ubwenge. ***Ikinyamakuru cy'ubuzima E.G. W, 05/1896.***

## IGIHE CYO KURYA

Si byiza kuryagagura hagati y'igaburo n'irindi. Si byiza rwose kongera gufata ibyo kurya. Igifu gikwiriye kwitabwaho cyane kandi kikitondeshwa. Ntigikwiriye guhora mu murimo w' igogora, gikeneye nacyo gutuza no kuruhuka nyuma y'igaburo n'irindi. Igihe igifu kirangije kugogora ibyo twariye, tukireke kiruhuke hagati y'amasaha ane n'atandatu. Ntacyo

kurya gikwiye gusubizwamo muri icyo gihe cyose, hagati y'igaburo rimwe n'irindi. Icyo gihe nibwo cyitegura neza kwakira no gukora umurimo wacyo neza w'igogora ry'igaburo rindi rikurikiyeho. ***Inama ku mirire n'ibyo kurya, p. 173,179.***

Ababyeyi benshi bakora ikosa rikomeye, igihe bemerera abana babo kurya hagati y'igaburo n'irindi. Igifu giterwa ingorane n'ibyo kurya bicyiyongeramo kandi cyatangiye umurimo wacyo. Uwo muco ntukigwa neza, maze kikivumbagatanya ndetse benshi bakeka ko barwaye nyamara ataribyo ahubwo ari ingorane zitewe n'imirire mibi. Rimwe na rimwe igifu gishobora guhagarara kitarangije umurirno wacyo bitewe no kugipakiramo ibyo kurya hato na hato, bityo kikagugara, ubuzima bwose bw'umubiri bukahazaharira bitewe n'ibyo kurya bitagogowe byose. Ababyeyi benshi bazasanga ingorane nyinshi zabaye ku buzima bw'abana babo igihe bazajya kubasuzumisha kwa Muganga; ndetse n'urupfu rw'abana benshi bazasanga ari bo rwakomotseho biturutse ku makosa y'imirire. ***Ubukristo n'isuku ya Bibiliya, p. 61.***

KURYA AMAGABURO 2 HAGATI Y'AMASAHA 6

-Bitunganya ubwenge n'intekerezo,
-Bikomeza amagufwa bigatunganya intekerezo,
-Byongera ubushyuhe mu mubiri bikagabanya umunaniro,
-Bifasha mu igenzura ry'ubwiyongere bw'uburemere bw'umubiri.
-Bigabanya za kanseri, indwara z'umutima na Diyabete.

## IBIRAKAZA IGIFU N'IBIGITERA UBUBABARE.

- Rinda urusenda abana bawe n'ibindi bikangura imitsi yabo bikayibuza amahoro bakiri bato kuko bibatera gukurana ubumuga.
- Inzoga n' ibyo kurya byose byongerwamo umusemburo si byiza ku gifu.
- Ibyo kurya n'ibyo kunywa birunzemo isukari, za proteyine nyinshi, urugimbu rwinshi, binaniza igifu bigatera ingorane umubiri,
- Si byiza kuvanga amata, amagi n'isukari byangiza imikorere y'igifu.
- Amatunda ateze neza cyangwa ahishije cyane.
- Kurya amatunda n'imboga icyarimwe si byiza ku gifu.
- Kurya ibyo kurya bishyushye cyane cyangwa byahororombye.
- Kutubahiriza intera y'isaha y'igaburo.
- Kurya byinshi cyangwa vuba vuba cyangwa watinze nimugoroba.
- Kunywa amazi cyangwa ibindi binyobwa mu gihe cy'igaburo. Ibinyobwa bigenza gahoro igogora kandi bigatinza umurimo w'igifu. Gutumba no kubabara igifu biterwa no kwirunda kw'ibiryo mu gifu.
- Ibyo kurya by'ubucuruzi bitinda mu mangazine bivangwa n'imiti yo mu nganda, bishobora gutera igifu kugubwa nabi, umuntu akababara umutwe ndetse bikaba byatera n' ubundi buribwe bukomeye. ***Gukiza guturutse mu ijuru, p. 11,12,13.***

KURYA CYANE

-Bibyara ingorane nyinshi mu mubiri,
-Bigabanya ipfa,
-Bitinza igogora bikongera imyanda y’uburozi mu maraso,
-Bitera kurwara amenyo,
-Bibuza gusinzira neza.

*******

# 7. ABANA N'IMYAMBARO

Mu myambarire, nk'ibindi byose dukora, ni amahirwe yacu kubyubahiramo Umuremyi wacu. Yifuza ko, imyambarire yacu idakwiriye gusa kuba itunganye, kandi iha umubiri umutekano, ahubwo ibe n'ikwiriye kandi ihesha uyambaye icyubahiro. ***Uburezi, p. 248.***

Dukwiriye kwihatira gukora ibishoboka byose, ngo tugaragaze neza mu murimo w'ubutumwa bwera Imana yagaragaje mu buryo butomoye, ku birebana n'imyenda abatambyi bagomba kwambara igihe bari imbere y'Imana. Natwe twigisha guhitamo ibijyanye n'imyambarire nk'abakozi be. Imyambaro y' abakurikira Kristo ikwiriye kuba ifite icyo igaragaza. Mu byo dukora byose, dukwiriye kuba abamuhagarariye. Uko tugaragara muri buri kantu kose tugomba kuba intungane, abagwaneza, n'abera. ***Ibihamya, vol.6. p. 96.***

## AKAGA GATURUKA MU GUKUNDA IMYAMBARO

Imyenda igezweho, ikurura irari ry'ubwibone mu mutima w'uyambaye, maze bikabyutsa iruba mu mitima y'abamureba. Imana ibona ko kwangirika kw'imico kenshi biterwa n' ibidukurura mu bwibone n'ubupfu mu myambarire; ibona kandi ko ibintu bihenze bibuza kwifuza gukora ibyiza. ***Ibihamya, vol.4. p.645.***

Gutoza abana kugendera mu nzira itunganye yo kwera hakwiye kwongerwaho kwambara mu buryo busanzwe, Ibi birareba ndetse n'ababyeyi bavuga ko bubaha Imana, ariko imirimo yabo iyo isuzumwe ugasanga bari mu ruhande rw'abasenga Mamoni: ikigirwamana cy'ubutunzi. Abo bahora bafite irari ryo guhiganwa n'abaturanyi babo mu byo kwiyambika ubwabo, ndetse n'abaturanyi babo na bagenzi babo bo mu itorero babarirwamo. ***Ibimenyetso by'ibihe, I 0/09/1894.***

## TWIGISHE IBY'IMYAMBARIRE

Nta burezi bwagira icyo bugeraho igihe hatigishwa amategeko agenga imyambarire. Hatagiyeho iyo nyigisho, umurimo w' uburezi wadindira ugata agaciro. Gutwarwa n'ibyimidodere y'imyenda igezweho ni rimwe mu masomo yitaweho muri iki gihe ateye ubwoba kandi akurura benshi. ***Uburezi, p. 246.***

Nta rugero rwatanzwe rwo gukurikiza igihe tudodesha ibyo twambara, ariko dukwiriye kwirinda tudakabya. Nta rugero nahawe mu buryo bushyitse bwo gukurikiza ku bijyanye na za moderi mu kudodesha ibyo twambara nk'itegeko ryo kurinda buri wese mu myambarire. ***Urwandiko rwa E.G. W, 19/1897***

Urubyiruko rukwiye guterwa inkunga mu kurema imico ishyitse mu myambarire kugira ngo bagaragare neza badafite ikimwaro. Bagira isuku ifashwe neza. Imico yabo ikwiriye kuba iyo kubatoza gufasha abandi no kubakomeza. ***Ibihamya, vol. 6 p. 642.***

## KWAMBARA IBIDAHENZE

Abantu benshi bibwira ko kwambara no kwambika ibihenze aribyo bibahesha agaciro imbere ya bagenzi babo n'imbere y'Imana. Ariko siko biri. Dukwiriye kwambara neza. Ariko bashiki banjye igihe mwigurira cyangwa mugurira abana banyu imyambaro mukwiye gutekereza no ku murimo w'Imana ukwiye gukorwa. Dukora mu ruzabibu rw'Umwami, hari umurimo mugari ukwiye gukorwa.

Ab'isi batanga byinshi ku myambaro, ariko Uwiteka yashinze abantu be kuva hagati y'ab'isi bakitandukanya nabo. Kwigaragariza mu myamabaro ihenze y'akataraboneka, ntibikwiye kugaragara mu bavuga ko bizera ko bari mu minsi iheruka... Ntugapfushe amafaranga y'Uwiteka ubusa mu kwinezeza mu myambarire ihenze. ***Urwandiko rwa E.G.W, 24/1904.***

## TANGA URUGERO RWIZA NK'UMUYOBOZI MU MYAMBARIRE YAWE N' ABANA BAWE

Hari ingo nyinshi z' abakozi b'Imana bambara kandi bakambika nk'abisi, ugasanga nta tandukaniro riboneka hagati y'abana n'umugore w'umubwirizabutumwa, n'umugore wa maraya cyangwa umwana w'ab'isi mu bijyanye n'imyambarire. Bene ibyo bikoza Imana isoni n'umurimo wayo.

Abagabura bacu n' abagore babo bagornba kuba icyitegererezo mu buryo bwose mu myambarire. Bakwiye kwambara neza ibibakwiriye kandi bakoresheje imyenda myiza, ariko mwirinde imyenda y'akarusho n'ibengerana, bona

nubwo yaba idahenze… Dukwiriye kwigisha abana kwicisha bugufi mu myambarire mu buryo bushyitse kandi buboneye. Muhungire kure imyambarire y'isi kandi mwirinde ibintu bihenze. ***Ibihamya ku bagabura n 'abakozi, p. 180.***

## IMYAMBARIRE YICA UBUZIMA

Kwambara imyenda ihambiriye umubiri si byiza ku bana kimwe n'abantu bakuru. Usanga muri iki gihe umuntu utambaye imyenda imuharnbiriye aba atambaye byiza, ndetse usanga abana b'abakobwa biyambika ibibahambiriye, imibiri yabo yabuze amahoro kuko ihora mu karega. Bene ibyo bibababaza Imana yabaremye. Imana ntiyaremeye imibiri gushyirwa ku ngoyi y'imyambarire. Umwambaro ukwiye kuba ushyitse kandi ukwiye uwambaye. kwambara imyenda ihambiriye umubiri ibuza amaraso gutembera neza aho agomba kugera hose mu myanya y'umubiri kandi ikabuza guhumeka neza k'umubiri nk'uko Imana ibyifuriza abo yaremye. ***Kwirinda kwa gikristo n 'isuku ya Bibiliya, p. 89,90.***

## IMYAMBARO YO KUJYANWA MU RUSENGERO

Usanga abantu basuzugura ahera, aho abantu babonera imigisha iva mu Byanditswe Byera, bitewe n'imyambarire ibaranga igihe bagiye mu rusengero. Nta tandukaniro riboneka mu myambarire yabajya gusenga Irnana mu nsengero cyangwa abajya aho bidagadurira mu bitaramo by'ab'isi. Reka he kugira n’umwe usuzugura ubuturo bwera bw'Imana abikoresheje uko agaragara mu myambarire. ***Ibihamya, vol. 5. P. 489.***

Bose bagomba kwigishwa gutungana n' isuku mu mabwiriza y'iby'imyambarire. Ariko bikabije byatuma imisengere yacu yaba idakwiriye mu buturo bwera. Ntibikwiriye gukabya mu myambarire. Abantu bitondere ibi kuko Ingingo y'imyambarire ikwiye kwitabwaho; kandi ibibi Biri mu myambarire bikarandurwa mu mitima y'abaje kuramya. Imana niyo ikwiye kuba ingingo y' ifatizo ry' intekerezo n' intego yo kuramya; kuko ikintu icyo aricyo cyose cyakura uwo mugambi wera mu ntekerezo ni ikizira ku Mana. ***Ibihamya, vol 5. P. 499.***

Abizera benshi batekereza ko kwitandukanya n' ab' isi aribyo ijambo ry'Imana ribasaba gusa, ntibatekereza ko uko bagaragara imbere yayo, bigaragaza agasuzuguro mu misengere bitewe n'imyambaro bambaye nuko bagaragara. Hari benshi bacu bitwara uko bashaka mu myambarire: bambara ingofero cyangwa indi myenda basanzwe bambara mu gibe cy'imibyizi bakayigaragaramo mu gihe baje kuramya ku isabato, bakagaragara batyo mu biterane by'abera baje gusenga ...Nabwo abo bantu batekereza ko ntawe ubagaya bakitwara uko bashaka, bambara uko bashaka, Ibyo byose bigaragaza gusuzugura Imana. ***Urwibutso n'integuza, 30/01/1900.***

Iby'imyambarire ntibikwiriye kubuza itorero ry'Imana amahoro. Hari ibindi bikwiye kuvugwa no kwitabwaho mu itorero. Vuga Yesu, nkuko ikintu cyose kidakwiriye kandi kitajyanye n'ijambo ry'Imana kizatakaza agaciro. ***Ibwirizabutumwa, p. 272.***

Ntabwo ari imyambaro ikugira uw'agaciro mu maso y'Imana; ahubwo kwicisha bugufi, ubuntu bw'Umwuka

w'Imana, amagambo yuzuye ubugwaneza, intekerezo nziza z'ibyo ugambirira ku bandi ibyo nibyo Imana iha agaciro. ***Inama ku busonga, p. 301.***

## INTEGO Y'IJAMBO RY'IMANA MU MYAMBARIRE

Uko wakwambara kose ni ikintu gikwiriye gukurikiranirwa hafi, dukurikije Bibiliya kandi tuyishingikirijeho. Mode y'imidodere yabaye ikigirwarnana kuri benshi kandi bisigaye bigenga isi yose, ndetse bimaze gufata umwanya ukomeye mu itorero. Itorero rigomba guhindura isi y'Imana rikayigeza ku rugero rushyitse; ndetse ababyeyi bakwiye gutekerezanya ubwenge kuri iyi ngingo y' ingenzi. Uko barushaho kubona abana babo basubira inyuma mu gukurikira imyambarire yab'isi, bakwiriye kumera nk' Aburahamu bategeka abimiryango yabo ngo bite ku byo babigisha; mu cyimbo cyo gufatanya n'isi, babahuze n'Imana yabo. ***Ibihamya by'itorero, vol. 5. p. 499.***

## SATANI ARUBIKIYE

Abantu benshi ntibarasobanukirwa ko satani abubikiye nk'uko agaca kubikira udushwi tw'inkoko ngo kaducakire. Benshi ndetse mu bizera Kristo n'abana babo, bamaze kugera mu nzara za satani. Aratoza ashyizeho umwete nk'umwigisha udahuga w'umuhanga. Za moderi z'ibyaduka mu myambarire zirihuta cyane. Urebye ubuhanga mu kudoda, bugeze kure cyane. Abana b'Imana barihutira kujya muri za atelier za satani n'amategeko atanga, benshi ntibabizi ntibateze no kubimenya,

kuko batakobwe inzira y'umucyo mu myambarire Imana yahaye itorero ryayo ryasigaye.

Abakire bo ku isi, barahiganwa mu guhindura za mode; abo hagati nabo ni uko, abakene baritugatuga ngo bagere ku byo abo hejuru yabo bagezeho, yewe ni nk'indwara y'agahato. lbyo byose kugira ngo bigerweho hakoreshwa uburyo bwinshi butanezeza Imana n'imbaraga y'ikirenga. Benshi mu bakene byababakoreye imitwaro badateze kubona uyibatura. Benshi ntibitaye ku ngaruka zikomeye zizabatera, bati: ntacyo bitwaye, uko mode yaba iteye kose ikiba kibe. ***Uburezi, p. 246.***

Satani umuyobozi w'ibihinduka bigezweho, ntiyifuza ko amajyambere mu myambarire agabanuka; ashishikariye umurimo wo guhugura abakozi be iby'ibishya bigezweho bishobora kugirira nabi no gukomeretsa umubiri n'intekerezo z'ubuzima. Abona ko ubucakura bwe bugenda neza muri abo bapfuye bahagaze, abo yarimbuje ibisazi bye. Ibye byahumye amaso abasengamana by'ukuri akoresheje uburyo bw' imidodere igezweho bikururira benshi kuba munsi y'ubutware bwe. Umunezero n'ubuntu bw'Imana byasizwe ku ruhimbi rwe. ***Kwirinda kwa gikristo n 'isuku ya Bibiliya, p. 85.***

Ikigirwamana cy'imyambaro, ni indwara y'intekerezo. Mu buryo bwose, kwishyira Imana mu butumwa bwiza bisaba icyemezo cyo guhitamo mu myambarire. ***Ibihamya by 'itorero, vol. 6.p.96.***

******

# 8. MPA ABANA BAWE MBARERE

## SATANI N'INGABO ZE

Satani arategura ingabo ze. Mbese buri muntu ku giti cye twiteguye urwo rugamba ruteye ubwoba dute ? Mbese turiteguye ubwacu n'imiryango yacu, ku gusobanukirwa n'ibirindiro by'uturwanya n'amayeri akoresha ? Abana bacu baremwemo imico yo gufata ibyemezo, yo kuba bashikamye kandi bashyitse muri buri ngamba zose z'uru rugamba. Ndasaba cyane ngo buri wese ashobore gusobanukirwa n'ibimenyetso by'ibihe, kugira ngo tube twiteguye ubwacu n'abana bacu, kugira ngo mu gihe cy'urugamba Imana ibe ubuhungiro bwacu n'umurengezi wacu. ***Urwibutso n 'integuza, 23/04/1889.***

## IMIRYANGO MYINSHI NTIYITEGUYE

Ku isabato no kuwa mbere w'isabato mu iyerekwa rya nijoro, nasaga n'ugaragaza ibihamya mu bantu. Ibyo bihe byombi nasaga nuri mu ihema ry'i Mamoth ryagaragaraga nk'iryuzuye. Imana impitiramo ubutumwa bwo kubagezaho umutwaro nari nikoreye wari uw' imiryango yacu itari yiteguye gusanganira Umwami. Umutwaro wanjye nari mfite warimo kwereka abantu bacu ko hakenewe gushakisha Imana n'umutima wacu wose, kugira ngo tugire ibyo twiyungura. Ababyeyi bahindutse by'ukuri barabigaragariza mu mibereho yo mu ngo zabo ko bagendera mu nzira nziza batozwa n’ijambo ry'Imana. Kuri ba se na ba nyina b'abana, gutoza kwiza ni umurirno w'ingenzi mu buzima bwabo. ***Urwandiko rwa E.G. W, 6411911.***

## GIRIRA ABANA IGITSURE UBATOZA KUBAHA KANDI UBITANGEMO URUGERO

Umurimo udasanzwe w'ababyeyi ni uguha abana babo umusingi ukomeye w' amategeko y'Imana, no kubateramo kuyumvira maze bakabona ibyiza byo kumvira Imana mu mibereho yabo. Uwo wari umurimo wa Mose, yagombaga gutera umwete ababyeyi ngo batange icyitegererezo ku bana babo cyo kubaha no kumvira. Icyo ni ikintu cy'ingenzi gikwiriye gukorerwa mu ngo zacu muri iki gihe, kuko ari ugushyigikira ubutumwa bwa Malayika wa gatatu.

Ubujiji ntibuzaba urwitwazo ku babyeyi bazirengagiza kwigisha abana babo, bababuza kwica amategeko y'Imana, Umucyo watanzwe urahagije, ntawe wari ukwiriye gukomeza kugendera mu mwijima. Imana ni Umwigisha wacu w'ukuri nk'uko yari Umwigisha Mukuru w'abana b'Isiraeli, bose bategekwa kubaha amategeko yabo. ***Urwandiko rwa E. G.W, 1011898.***

## YOBORA ABANA BAWE KURI YESU

Yesu aravuga ati: nderera abana banjye. Ababyeyi bakeneye gusobanukirwa ko basabwa guhugura abana babo nk'umurimo bashinzwe n'Imana. Igihe babyumvikanyeho n'abana babo, bazarabagirana mu murimo w'Imana. Ijambo rya mbere rizaba mu matwi yabo ni iri ngo: IZINA RYA YESU. Maze mu myaka yabo ibanza bayoborwe ku mavi basenga, ubwenge bwabo bwuzuremo ibitekerezo by'Umukiza wabo, n'intekerezo zabo zerekwe icyubahiro cy'isi izaza. ***Urwibutso n 'integuza, 19/02/1895.***

## AMATEGEKO Y'IMANA NI UMUSINGI W'UBUGOROZI

Amategeko y'Imana abe uburyo bw'uburezi mu muryango. Ababyeyi bategekwa bikomeye kugendera mu mategeko y'Imana kandi bagashyira abana babo ku rugero rwo kuyakomeza mu buryo bukomeye, ... Amategeko y'Imana ni urufatiro rw'ukuri rw'ubuyobozi, Dukwiye kuyagaragariza isi mu mucyo uhagije. Inzego zose z'abantu zikeneye kuyubaha. Ubugorozi bukomeye bukwiye gutangirira mu ngo. Ukubaha amategeko y'Imana ni ingenzi: mu nganda, mu icungamutungo, mu bizera kandi niyo adutera kuba magirirane. ***Urwandiko rwa E.G. W, 7411900.***

Igisha abana. Wigishe abana bawe uhereye mu buto bwabo, kwitondera amategeko y' Imana .... Usabwe kubigisha ubaremamo imico hakurikijwe iyo mu ijuru, kugira ngo Kristo ayigaragariremo. Rwose ubwe yiyemeje kwigaragariza mu bana. Ibi tubibonera mu bitekerezo bya Yozefu, Samweli, Daniyeli na bagenzi be. Mbese ntimubona mu buhamya bw'imibereho yabo ko Imana yabitagaho uhereye mu mibereho yabo no mu mabyiruka ? ***Urwandiko rwa E.G. W, 62/1901.***

Ababyeyi bashinzwe kuzereka Imana abana babo bashyitse, uhereye mu buto bwabo; kuko bahawe ubwenge bwo kubabashisha gukurikira Yesu Kristo. *Urwandiko rwa E. G.W,59/1900*

******

# 9. BIBILIYA N'ABANA

## IGITABO CYA MBERE CY'UMWANA

Bibliya ikwiye kuba igitabo cya mbere umwana yigiramo. Ababyeyi bakwiye gutanga ubumenyi bushingiye kuri icyo gitabo. Ijambo ry'Imana rikwiye kugirwa itegeko ry'ubuzima, muri ryo abana bazigishwa ko Imana ari Se, kandi mu magambo yacyo y'ingenzi bazungukiramo ubumenyi bw'imico yayo. Kubwo kwigana ibiyirimo, baziga gukora iby'ubutabera, ***Inama ku babyeyi, abigisha n'abanyeshuri, p. 108,109.***

## IGITABO CY'AMASEZERANO, IMIGISHA, N'IBYIRINGIRO.

Ba nyina b'abana bakwiriye kurindira intekerezo zabo Mu byanditswe byera kandi bakazirikana amasezerano n'imigisha y'Imana yo mu ijambo ryayo; kandi bajye bazirikana ibintu byatuma hatabaho amakosa mu bana babo, babereka ko badakwiriye gukoza isoni Umwuka w'Imana. Bigishe ko umuhamagaro no kumwenyura kwa Yesu ari iby'igiciro kuruta guhimbaza mu buryarya no kwikuza, cyangwa mu bwenge bw'isi. Bayobore kuri Yesu umunsi ku munsi mu rukundo, mu bugwaneza no kubiyegereza. Ntukemere ko hagira ikindi kintu kigutandukanya n'uyu murimo ukomeye, ***Urwibutso n 'integuza, 14/04/1885.***

## BIBILIYA YUBAKA IMICO

Amasomo ya Bibiliya agira akamaro mu gukangura mu mibereho y'iby'idini mu mico y'abana, igihe bishyizwe mu mibereho y'ubuzima. Timoteyo yigishijwe ijambo ry'Imana mu masomo ye. Imana izabera umugisha abazita. Kuri iyo nshingano yo kwigisha abana babo nk'uko babibwirijwe. ***Urwandiko rwa E.G.W, 33. 1897.***

## BIBILIYA IMARA UBWOBA ABANA.

Kumenya ko Imana ihari, mu mibereho y'abana, byirukana ubwoba ndetse bikabamara ubute. Reka umwana yuzuze mu ntekerezo ze amasezerano. Malayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza. *Zaburi 34:* 7. Mwigishe abana ibitangaza by'ibitekerezo bya Elisa, mubabwire uko Petero yabaye muri gereza agakatirwa urwo gupfa, abamarayika bakamurinda, mubabwire ibibamara ubwoba byose byabaye ku ntumwa z'Imana. *Ibyakozwe* ***n'intumwa 27:22-24,44;54.***

Ibyo ntibyandikiwe kudusharirira cyangwa kudutera ubwoba, ahubwo ni ibitangaza bidukomereza mu kwizera nk'uko kwakoreraga mu bagaragu b'Imana ba kera, kugomba kudukoreramo maze umutima wo kwizera ukaba umuyoboro w'imbaraga y'Imana. ***Uburezi, p. 255,256.***

Ababyeyi bigishe abana babo Bibiliya mu buryo bworoshye, uyoroshye ku buryo isobanuka. Igishe abana ko amategeko y'Imana akwiriye kuba ubuzima bwabo. Ingorane zishobora kubatandukanya n'ababyeyi babo cyangwa kuva mu

miryango, ariko isomo baherewe mu bwana no mu busore rizababera umugisha mu mibereho yabo yose. ***Urwandiko rwa E.G. W, 57118 97.***

## GUKUNDISHA ABANA IBYANDITSWE BYERA NI INSHINGANO Y'ABABYEYI

Ibyanditswe Byera ni umurinzi ukomeye w'ubuzima. Kumenya Ibyanditswe Byera si kamere muntu. Urubyiruko ni injiji kandi ntirusobanukiwe. Urukundo ku Byanditswe Byera no kwera k'ukuri kwa Bibiliya, ntibyizana rnu mibereho y'umwana kuko atari kamere ye, iyo hadashyizweho umuhati no kurwanya inzitizi zose satani ashyiraho, zo kubayobya akoresheje ibishuko kugira ngo abayobore mu bubata bw'ibyo yifuza. Mu myaka yabo ya mbere abana bigishwe gutinya no kubaha amategeko y'Imana no kwizera Yesu Umucunguzi wacu, kugira ngo bezwe bave mu byaha. Uko kwizera gukwiriye kwigishwa buri munsi mu mahame n'ibyitegererezo. ***Ibihamya by'itorero, vol. 5.P. 329.***

## KUMENYA IBYANDITSWE BYERA BIRINDA UMUTIMA N'UMUBIRI

Uhereye mu bwana bwe, Timoteyo yamenye Ibyanditswe Byera. Ubwo bumenyi bwamubereye umurinzi ku bibi byose byari bimuzengurutse : ikigeragezo cyo guhitamo ibimunezeza, kutita ku nshingano, n'irari. Abana bacu bose bakeneye ubwo burinzi, kandi bikwiriye kuba ikintu ababyeyi bashyira mu mugabane w'umurimo wabo, nk'abahagarariye

Kristo ngo berekane ko abana bigishirijwe mu ijambo ry'Imana. ***Ibihamya by'itorero, vol. 4. P· 398.***

## ABANA N'ICYIGISHO CYA BIBLIYA

Ibyanditswe Byera bihamya ko abana ari Umwandu uturuka k'Uwiteka. *Zaburi 127:3.* Kuba ari abaragwa b'ubwami ni nab'igiciro cyinshi mu maso y'Imana. Muri *Matayo 18:36,* tuhasanga inama ikomeye yerekana uko tugomba kwitwara ku bana; tugomba kwirinda gucumuza umwe muri bo. ***Gahunda y'Imana ku ibwirizabutumwa ry'ubushake, p. 149.***

*******

## 10. INGORORANO Z'IMANA KU BAREZI NYAKURI

### ISHUSHO NGERO Y'UMUNSI W'URUBANZA

Narose inzozi, muri zo nerekwa iteraniro ry' abantu benshi; bidatinze ijuru ririjima, inkuba zirakubita, imirabyo irarabya, ijwi rikomeye cyane nk'iry'inkuba rirangururira mu ijuru no mu isi, rigira riti: « BIRARANGIYE. Umugabane w'abantu bari muri iryo teraniro bagaragazaga akababaro gakomeye, mu maso yabo hari hanyinyiriwe, bafite agahinda gakomeye kabatakishaga bati: "siniteguye, siniteguye." Ikibazo cyabazwaga ni iki ngo: kuki mutiteguye ? Kuki mutitaye ku

mahirwe nabahaye y'imbabazi ? Nuko nkangurwa n'urusaku rw'amarira y'abavugiraga mu matwi yanjye bagira bati : siniteguye, sinkijijwe, ndazimiye, ndazimiye by'iteka ryose.»

Ku nshingano twasabwaga kurangiza, reka turebe ibyo twagombaga kuba twarakoze ndetse n'ibyari bidutegereje, kugira ngo tuzasangwe twiteguye. Mbese muri icyo gihe, tuzahagararana agasuzuguro no gukerensa iby'Imana n' imbabazi zayo, ndetse no kwirengagiza ukuri kwayo kuzuye urukundo? Mbese muri icyo giterane giheruka, cyo gutegera amatwi isi yose, uzaba witeguye impamvu yo kurimbuka kubw'ibyaha abana bawe bakoze? Kuko mu gihe cya mbere ababyeyi bazamenya icyo bahawe n' ibanga ry 'ubuzima ry'abana babo birengagije. Abana nabo bazamenya uko bababereye babi, n'amakosa bakoreraga ababyeyi babo. Kizaba igihe gikomereye intekerezo z'umutima kuko ibyari bitwihishemo bizaba bishyizwe ahagaragara. Abajyaga bahindura umukino ibintu by'agaciro by'urubanza rukomeye rwagombaga kugera kuri buri wese, bazumirwa igihe bazaba bahanganye n'ukuri kwabyo kutajorwa.

Abo bose basuzuguraga ijambo ry'Imana, bazaba bahanganye n’Umwanditsi waryo imbona nkubone. Ntitwahangara kubaho tudafite ibitugaragariza iby'uwo munsi ukomeye w' urubanza; ntabwo ugitinze, noneho uri bugufi. Impanda ya Malayika ukomeye igiye kuvuzwa, ihindure abiteguye bazima. Ikangure abari mu bituro. Abantu bazavangurwa, maze abeza bakurwe mu babi, nk'uko umwungeri arobanura intama mu ihene. ***Umwigisha w'abasore, 21/07/1892.***

## IMANA IZABAZA BURI MUBYEYI ABANA BE

Ababyeyi batigeze bita ku nshingano ikomeye Imana yabahaye, bazahura n'ako gasuzuguro mu rubanza. Imana izababaza ikibazo gikomeye ngo: *"abana naguhaye ngo underere bari he ? Kuki batari iburyo bwanjye ? "* Ababyeyi benshi bazabona ubujiji bwabo bwo kutita ku gukosora amakosa y'abana babo, maze bakabarera bajeyi. Byatumye imico y'abo bana iba mibi kuko itigeze ikosorwa aribyo byabateye imibereho idashyitse ibahesha uburenganzira bw' ijuru. Abandi bazasanga batarigeze baha abana babo igihe, kwitonda, urukundo n'ubugwaneza; ugukerensa kwabo muri uwo murimo niko kwabateye gukorwa n'isoni. ***Ibihamya by 'itorero, vol. 4 p. 424.***

Babyeyi iyo mutakaje inshingano yanyu y'uburezi, muba mubabaza Imana; kuko ku munsi w'urubanza Imana izababaza iki kibazo ngo: wakoreye iki umukumbi wanjye, umukumbi wanjye mwiza ? Tuvuge ko ugeze mu ijuru kandi nta n'umwe wo mu bana bawe uhari, mbese wabwira iki Imana? Wayibwira uti: "dore ndi hano n'abana wampaye?" Ijuru ryandika ugukerensa, agasuzuguro kose k' ababyeyi, byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. ***Urwandiko rwa E.G. W, 62, 1901.***

## MBESE WITEGUYE KUZAHAGARARA MU RUBANZA KUBW'IKIBAZO CY'UBUREZI ?

Igihe ababyeyi n' abana babo bazahurizwa mu rubanza rukomeye imbere y'Imana, mbese bizagenda bite ? Abana amagana menshi babaye imbata y'inda mbi n'umururumba; abo ubuzima bwabo bwose bwatwawe n'ibyaha. Bazahangana n' ababyeyi babo babareze batyo. Ababyeyi babo bazasoma ingaruka z'intege nke bagize mu burere bw'abana. Mbese Imana niyo yabateye kuba indakoreka ? Oya sibyo. Yabaremye ku ishusho yayo, ndetse ibacisha bugufi ho hato y'abamalayika. None se ninde wahinduye imico yabo kugira ngo badatunganira Imana, bagatandukanywa n'intungane ngo be kuba mu maso y'Imana, ndetse no kubura umwanya wabo wo kuzabana n'abamalayika mu ijuru ryera? Mbese aho ibyaha by'ababyeyi ntibyahindutse iby'abana babo bitewe n'umururumba n'inda nini ? Mbese ibyo ntibyatewe na ba nyina bikundiraga iby'umunezero w'isi bakirengagiza gutanga iby'uburere bwiza bakurikije amabwiriza bahawe ? Aba babyeyi bose bazahagarara imbere y'intebe y' imanza y'Imana, bagaragarizwe mu kuri iby'imibereho yabo nk'uko yari iri muri icyo gibe. *Ibihamya by 'itorero, vol. 3. P. 568,569.*

## MU IJURU HARI INZU IBIKWAMO AMAPICA Y'IBIKORWA BYO KU ISI

Mu ijuru hari inzu yerekanirwamo ibyo dukora kandi bikandikwa. Ababyeyi n'abana bibuke ko buri munsi baremwamo imico, kandi imbuto z'iyo mico zandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Imana ubwayo ifite amapica y'abantu

bayo mu kuri nk'uko umunyabugeni w'umuhanga akora ishusho y'umugabo cyangwa y'umugore isa rwose na nyira yo. Mbese ni iyihe shusho wifuza gutanga ? Babyeyi musubize icyo kibazo ! Ni ipica ki igaragarira Umuhanzi mukuru w'abanyabugeni mu bitabo byo mu ijuru ? Tubitekerezeho none, kuko urupfu niruza, ntacyo tuzaba tukibasha guhindura ku bigoramye byo mu mico yacu.

Kuri twe umuntu ku giti cye, iki kitubere ikibazo cy'ingenzi cya buri munsi, cy'uko uko dusa ari iby'iteka ryose. Buri wese natekereze ko afite uko agaragara buri munsi. Ubyibaze buri munsi, buri saha, uti : amagambo mvuga yumvikana ate mu bamalayika bo mu ijuru ? Mbese ni nk'amatunda y'ipapayi ry'izahabu mu ishusho y'ifeza cyangwa ni nk'umuyaga w'ishuheri n'amajwi asakuza adafite injyana.

Si amagambo yacu cyangwa ibikorwa byacu gusa, ahubwo n'intekerezo nazo zitanga ipica y'uko turi. Buri mutima wese ukwiriye kuba mwiza kandi ukora ibyiza. Ugaragaze mu bitabo byo mu ijuru ipica itazagukoza isoni. Intekerezo zose tugira zituruka ku byo tubona, dukora, twifuza. Imana izadufasha kugera ku ishusho twifuza ko yaba mu bitabo Byo mu ijuru. ***Urwandiko rwa Ellen G. W. 78, 1901.***

## ABATAGIRA ICYO BITAHO

Mbese ntacyo witaho? Ababyeyi bakwiye gusengera no kwita ku bana babo ku buryo bukomeye, Reka nabo bibaze bati: mbese nta kintu twitaho? Mbese twirengagiza umurimo ukomeye? Mbese twemereye abana bacu kuba ibikinisho bya satani? Ntidufitanye urubanza n'Imana kuko twemereye abana

bacu gukoresha itaranto zabo, igihe cyabo, imibereho yabo, mu gukorera kurwanya ukuri na Kristo ? Ntitwirengagije inshingano zacu nk'ababyeyi tugakuza umubare w'abantu bashyigikiye ingoma ya satani ? ***Ibihamya by'itorero, Vol. 6. P.429, 430.***

Ba nyina b'abana birengagiza kwigisha mu buryo bwiza abana babo; ibyo birengagije birabagaruka bikabongerera umutwaro, maze bikabakomerera cyane kuruta uko byari kubagendekera iyo baza kuba barakoresheje neza igihe bahawe, bakihanganira kwita ku murimo w'uburezi wo gutoza abana babo kubaha no kwiyoroshya. Bizarushya ba nyina kubatoza imico basabwa mu by'ibanze no mu byisumbuye by'imibereho yabo, kugira ngo amahwa adashora imizi akagira umusaruro munini. ***Ibimenyetso by'ibihe, 05/08/1875.***

## IBYO UMUBYEYI AZARYOZWA N'ABANA KUBWO KUTIZERA KWE

Umuvumo w'Imana uzaza ku babyeyi batizera. Si uko bateye amahwa azabizingitiranyaho, ahubwo bazasakirana n'ingaruka zo kutizera kwabo. igihe urubanza ruzashingwa. Abana benshi bazahagurukira ababyeyi babo mu rubanza, babaryoze ko batigeze babahanira gukiranuka maze babagerekeho kurimbuka kwabo. Kurera bajeyi n'urukundo ruhumye by'ababyeyi bazabisabira imbabazi abana babo impitagihe, kuko batigeze babakosora. Nyamara ntibizabuza abana babo kugerwaho n'ingaruka zabyo, kandi amaraso yabo azandikwa ku babyeyi babo. ***Ibihamya by'itorero, vol.1. P.219.***

## ABANA BAZISHIMIRA INKUNGA NO KWIZERA KW'ABABYEYI BABO

Igihe urubanza ruzashingwa maze ibitabo bikabumburwa, igihe ijambo: « wakoze neza » ry' umucamanza Mukuru rizatangazwa maze amakamba yicyubahiro cyo kudapfa akambikwa mu ruhanga rw'abaneshi, benshi bazashyira amakamba yabo y'izahabu hejuru, mu giterane cy'isi yose maze berekane ba nyina bavuga bati : « ni wowe wangize uko ndi rwose mu buntu bw'Imana n'amabwiriza yayo. Amasengesho yawe niyo yemewe kubwo kumpesha agakiza k'iteka ryose.» ***Ubutumwa ku basore, p. 330.***

## INGARUKA YO KURERERA MU KWIZERA

Abo bose batarereye mu mwuka wo kwikanyiza, bazasarura amatunda y'umurimo bakoze. Umuhati w'umurimo w'ukuri wagaragajwe, amahame yatanzwe n'ubupfura bwimbitse bizagaragazwa. Buri kintu cyose kizagaragazwa icyo gihe. Ingaruka z'ibikorwa bito bito zizigaragariza mu babikoze ndetse n' imirimo ikomeye no kwigomwa kurenze urugero n'ubwenge. Ababyeyi n'abigisha biberaga mu bitotsi, nabo bazabona ingaruka z'ibitotsi byabo . Kuko umuhati wabo ugaragara nk'imfabusa imbere y'Imana. Birengagije ko gukiranuka kwabo kumeze nk' amasoko y' imigisha adudubiza adakama. Mu kwizera gusa, nimwo abana batorejwe baba umugisha n'impumuro nziza ku bavandimwe, maze birarandagatana imyaka n'imyaka. Umuntu abiba imbuto, muri yo hakazavamo umusaruro ushimishije. Aba babyeyi bazaba barateye ibiti abandi bashobora gusoromaho amatunda.

bazishimira ko bakoze ibyiza ku bw' ibitekerezo byabo byiza. Muri ibyo byose imbarutso z'ibyo bakoze n'ingaruka zabyo zizaba zigaragara.... ***Uburezi, p. 305,306.***

## ABABYEYI NIBO BAZAGEZA ABANA MU GIHUGU CY'ISEZERANO.

Imana yatanze umucyo uvuye ku ntebe yayo kumurika mu mibereho yacu yose. Inkingi y'igicu ku manywa, n'iy'umuriro n'ijoro Igendagenda muri twe nkuko yagendanye n'abisirayeli ba kera. Ni amahirwe y'abakristo muri iki gihe, nkuko byari amahirwe y'ubwoko bw'Imana bwa kera, yo kwinjirana n'abana babo mu gihugu cy'isezerano. ***Ibimenyetso by 'ibihe, November, 24/1881.***

Mbese ushaka ko inzu yawe igengwa n'Imana? Mbese ushaka ko umuryango wawe ugengwa n'Imana? Urashaka kuzageza abawe mu marembo y'umurwa wera, maze ukavuga uti : « dore ndi hano n'abana wampaye.»? Bashobora kuba ari abagabo n'abagore bakuze bageze ku rugero rwo kubaka ingo zabo, kubwo kwigisha kwawe no kurera kwawe kwabaye umugisha w'Imana kuri bo; aribyo byatumye bahagarara nk'abaneshi. Ibyo bizagutera kuvuga ushize amanga n'ishema ryinshi uti : Dore ndi hano Mwami n'abana wampaye.: ***Urwandiko rwa Ellen G.White, 49 rwo ku wa 24/11/1894.***

## UMURUNGA WACITSE WAHUZAGA UMURYANGO UZATERANYWA

Yesu Kristo araje, arazana n'ibicu n'icyubahiro gikomeye, Ingabo nyinshi z'abamalaika batabarika barabagirana bazaba bamukikije. Azaba aje guha ikuzo abo bose bamukunze bakitondera amategeko ye kuri buri ngingo, kugira ngo abajyane iwe. Ntiyabibagiwe, ntiyibagiwe isezerano rye. Hazabaho kungwa k' umurunga uhuza imiryango. ***Urwibutso n’'integuza, November, 22/1906.***

## INKUNGA KU BABYEYI BABUZE ABANA BABO

Mwifuza ko abana banyu bakizwa? Amagambo ya Yesu ni igisubizo cyicyo kibazo. « Ntimubuze abana bato kunsanga kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.» Mwibuke amagambo y'umuhanuzi agira ati : « Uwiteka aravuga ati : Ijwi ryumvikaniye i Rama ryo gutaka no kuboroga, Rasheli aririra abana be yanga guhozwa ... Uwiteka aravuga ati : ijwi ryawe ry' akababaro no gutaka n'amarira yo mu maso hawe, ibikorwa byawe bizagororerwa; niko Uwiteka avuga; kandi bazagaruka bature mu gihugu cy'abanzi babo, uzagira ishya mu iherezo niko Uwiteka avuga. Iri sezerano ni iryawe : ukwiriye kwishimira mu Mwami.

Uwiteka yambwiye ko abana benshi bazashyirwa ku ruhande ( gupfa ) mbere y'igihe gikomeye cy'akaga k'isi, tuzongera tubabone, tuzababona kandi tubonane tugeze mu rugo rwo mu ijuru. Shyira ibyiringiro byawe mu Mukiza witinya. ***Urwandiko rwa Ellen G. White, 196/ 1896.***

## ABANA BAPFUYE BAZAGARURIRWA BA NYINA

Mbega gucungurwa kw' agahebuzo ! Ibyo twavuze igihe kirekire, tukabyiringira kuva kera, tukabitegerezanya amatsiko, ariko tudashobora kubisobanukirwa na mba birasohoye.

Guhindurwa kw' abera kwabaye mu kanya gato, mu kanya nk'ako guhumbya. Kubw'ijwi ry'Imana bahabwa ikuzo, maze bahabwa no kudapfa, hamwe n' abari bazutse bose barazamurwa basanganira Umwarni wabo mu kirere. Abamalayika bakusanyiriza hamwe abatowe, babakuye mu birere bine by'isi, uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi. Abana bato bagaterurwa n' abamalayika bera bakuwe mu bituro bakabageza mu biganza bya ba nyina, inshuti zari zaratandukanyijwe kera n'urupfu zongera guhura. Maze mu ndirimbo z'ibyishimo binjirana bose mu murwa w'Imana. ***Intambara ikomeye, p. 645. (Mu cyongereza).***

## UMUNSI TWATEGEREJE KERA

Uhereye igihe umuryango wa mbere ushinguriye ibirenge byawo mu murima wa Edeni n' akababaro kenshi, abana b'abizera baracyategereje kuza k'Uwasezeranijwe, kugira ngo akureho imbaraga z'umurimbuzi, abasubize muri Paradiso banyazwe. ***Intambara ikomeye, p. 299.***

Ijuru rizagaragara nk'iry'igiciro gike nituribona kubw'imibabaro... Nkurikije icyo twagombaga gukora ngo turironke, kandi niyo ntekereje imibabaro ya Yesu kugira ngo

aduheshe ubwo butunzi ho umurage, ndasaba ngo natwe tubatirizwe muri iyo mibabaro ye; ntidutembanwe n'ibigeragezo ahubwo dushikame, tubinezezererwamo kandi twihanganye, tuzi ko Yesu yababajwe kugira ngo mu bukene bwe n' imibabaro ye abe aribyo bidutungisha. ***Inyandiko za mbere, p. 67.***

## IJURU NI UBUNTU

Ijuru ni ubuntu ntawe bikwiriye guhangayikisha, tumenye gusa ko intambwe zacu ziyobowe na Kristo. Imana idufashe mu murimo ukomeye wo kunesha. Afitiye amakamba abo bose bazanesha, afitiye abakiranutsi amakanzu yera, abafitiye nisi idashira abo bose bifuza icyubahiro cye no kudapfa. Buri muntu wese uzinjira mu murwa w'Imana azinjiramo nk'umuneshi. Nta munyakibi uzahakandagiza ikirenge. Kwakirwa kuzahabwa buri wese uzahinjira abwirwa ati: Nimuze abo Data yahaye umugisha muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa ku isi. *Matayo 25:34;* ***Christian Temperence and Biblical Hygiene, p. 144.***

## GUSANGIRA UMUNEZERO NA YESU

"Tubona abamalayika benshi ahari hakikije irembo; mu gihe twinjiraga, Yesu aterura amagambo ati : « Nimuze abahiriwe na Data muragwe ubwami bwabateguriwe uhereye ku kuremwa ku isi. » Dore dusangiye umunezero! Ibyo bishatse kuvuga iki? Ni umunezero wo kubona ibyavuye mu murirno ukomeye wo gukiza imitima, Data. Ni umunezero wo kubona umuhati wanyu, Mana; muragororewe.

Dore abana banyu; ikamba ry'ubugingo riri ku mutwe wabo, abamalayika b'Imana bahesha ubudapfa amazina ya ba nyina b'abana, abagize umuhati wo kunesha bakerereza imitima y'abana babo bayerekeza kuri Yesu. ***Urwandiko rwa G. White, December, 1895.***

## UMUNSI W'ICYUBAHIRO CYO KUNESHA

Ubu itorero riri ku rugamba, ubu duhanganye n'umwijima w'isi, bisa nk' ho bose batwawe n'ibigirwamana… Ariko umunsi ugiye kugera aho intambara yarwanywe, ukunesha kuzagaragara, ugushaka kw'Imana kukaboneka ku isi nk'uko gukorwa mu ijuru… Bazaba banezerewe, umuryango wunze ubumwe uzaba wambaye imyambaro yo guhimbaza niyo gushima, ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo. Ibyaremwe byose mu rukundo rutarondereka bizaha Imana ikuzo mu kuyiramya. Isi izaba yuzuye umucyo w'ijuru, umucyo w'ukwezi uzaba ungana n'umucyo wizuba, umucyo w'izuba uzikuba inshuro zirindwi kuruta uko uri ubu. Igihe cy'imyaka kiziyongera n'ubwiza. Kubw'icyo gitangaza, inyenyeri zo mu ruturuturu zizaririmbirana hamwe, maze abana b'Imana bazatera hejuru mu ijwi ry'umunezero n'ibyishimo, mu gihe Imana na Kristo bazaba bavugira icyarimwe bati : « Nta cyaha kizongera kubaho kandi n'urupfu ntiruzabaho ukundi.»

Aya mayerekwa y'ubwiza buzaza yanditswe n'ikiganza cy'Imana ubwayo, akwiriye kuba ay'agaciro ku bana bayo ... Dukwiriye kwita kuri yo, kuko ari ay'ibitaragaragarira amaso yacu. Ibyo bizadutera guha agaciro iby'iteka ryose kuruta iby' iki gihe; ibyo bizadutera kugeza ku bandi ibyiringiro by'ikirenga. ***Umurimo w'ubuvuzi, p. 504-508.***

## IMANA IZAVUGA « WAKOZE NEZA? »

Igihe uzahagarara imbere y'intebe ikomeye yera, nibwo imirimo yawe izagaragazwa uko iri. Ibitabo birabumburwa, ibyanditswe kuri buri ngingo y'ubuzima birahishurwa. Muri icyo giterane kinini, benshi bari batiteguye kubw'iryo genzura. Amatwi ya bamwe bumvaga amagambo abageraho ababwira atandukanye ati : «Mwapimwe mu minzani y'ijuru, mugararaga ko mudashyitse.» Ku babyeyi benshi Umucamanza azababwira kuri uwo munsi ati : « Nabahaye ijambo ryanjye, nyamara mwarisimbuje imihati yanyu, kuki mutumviye inyigisho yanjye? Ntimwigeze mumenya ko ari ijwi ry'Imana, sinabihanagirije gushaka mu Byanditswe Byera kugira ngo mutayoba? Ntimujimije ubugingo bwanyu gusa, ahubwo kubwo gusenga ibigirwamana mwayobeje n' abandi benshi, nta mugabane mufite iwanjye, mugende mugende.»

Irindi tsinda ryari rihagaze rifite ubwoba kandi rihinda umushyitsi, ariko rifite ibyiringiro muri Kristo gusa. nyamara bafite ibyishimo no guhimbaza; itangazo ry'Umwigisha mukuru rirababwira riti : Iminsi yo kwihanganira imitwaro iremereye y'ubwoba n'ibirushya iribagiranye. Aya magambo yavuzwe mu ijwi ryagahozo riruta indirirnbo z'inanga z'abamalaika yakomezaga avugwa muri aya magambo: « Wakoze neza mugaragu mwiza ukiranuka injira mu munezero wa Shobuja.. » Mbona itsinda Ry'abacunguwe bafite amashami y'imikindo mu ntoke agaragaza gutsinda. Amakamba yari ku mutwe. Abo nibo

Bacunguriwe kwinjira mu ijuru. Ibyakorewe mu isi bimenyekana mu rukiko rwo mu ijuru nk'ibikorwa byiza.

Mu munezero utarondoreka ababyeyi babona abana bahabwa : ikamba, ikanzu n'inanga. Umunsi w'ibyiringiro n'ubwoba wari ushize. Imbuto yabibanywe umunezero n'amarira n'amasengesho byasaga nkaho bitari bifite agaciro ariko hanyuma umusaruro wari wuzuye umunezero utarondoreka, abana babo bari bacunguwe. Babyeyi; amajwi y'abana banyu azaririmbana umunezero kuri uwo munsi? ***Ibimenyetso by 'ibihe, Nyakanga,1/1886.***

******

***Byasonzoranijwe kandi bishyirwa mu Kinyarwanda na :***
**INTEGUZA** ***Truth and Track***
***Cellphone: 08612295.***
**Kigali-RWANDA**
***e-mail: integuza@yahoo.fr***